



# INYIGISHO Z'INKESHA



**eFT**  
Developing leadership in young people



**IBIRIM**

<b>Ijambo ry'ibazze</b>	<b>3</b>
<b>Iriburiro</b>	<b>4</b>
<b>Inyunguramagambo</b>	<b>6</b>
I. Umugambi w'uburezi w'umuryango w'abaskuti mu Rwanda	8
II. Inyigisho z'umuryango w'abaskuti mu Rwanda	10
III. 1. Intego z'inyigisho	11
II. 2. Uko uburyo bwa giskuti bukoreshwa mu nyigisho z'abaskuti	11
II. 3. Izamuka mu ntera mu muryango w'abaskuti mu Rwanda	14
II. 4. Gukurikirana inyigisho	15
II. 5. Ibyiciro by'ubushobozu bw'umuntu	16
II. 6. Intego z'inyigisho	17
II. 6.1. Intego rusange	17
II. 6. 2. Ibigamijwe rusange mu byiciro by'ubushobozu	17
II. 6. 3. Ibigamijwe ku kigero cy'Inkesha muri buri cyiciro cy'imikurire	18
II. 7. Ingero z'ibikorwa ku bigamijwe muri buri cyiciro cy'imikurire	19
II. 8. Amashimwe y'Inkesha	21
III. Gutegura igikorwa cy'abaskuti cyagenewe abantu benshi	26
IV. Amahame remezo y'umuryango w'abaskuti	28
V. Umuhango wo gusezerana mu baskuti	29
Indirimbo y'isezerano ry' abaskuti	31
VI. Isengesho ry'abaskuti b'u Rwanda	30
VII. Amateka y'umuryango w'abaskuti	32
VIII. Ibimenyetso biranga abaskuti	34
IX. Amahugurwa mu muryango w'abaskuti mu Rwanda	36
X. Umukino w'inzira	38
XI. Kurwanya ubukene	43
XII. Inyandiko ya Morse	44
XII. Itumanaho rya Semafore	45
XI. Amapfundu anyuranye.	46
Umwanzuro.....	50
Inyandiko zifashishijwe mu kwandika iki gitabo.....	51

## IJAMBO RY'IBANZE

Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda wishimiye kugeza ku baskuti bose inyigisho nshya z'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda twizera ko zizateza imbere ubusshobozu bw'urubyiruko mu buzima bwarwo no mu mirimo rushinzwe rukagaragaza uko bikwiye isura y'Ubuskuti kandi rugatuma Ubuskuti bugera ku bantu benshi nk'uko biteganyijwe muri izi nyigisho.

Turasaba abayobozi b'abaskuti ku nzego zose gushyira imbaraga mu gutuma izi nyigisho zihabwa abaskuti.

Tuboneyeho gushimira Incuti z'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda kubera inkunga ikomeye zateye Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda yatumye izi nyigisho zitegurwa zikagezwa ku baskuti uko bikwiye.

Turashimira byimazeyo abaskuti bose bagize uruhare mu gutegura no mu gutunganya izi nyigisho. Turashimira cyane ikiye y'abaskuti yari iyobowe na Komiseri RUCYAHANA Viateur, Ushinzwe inyigisho n'amahugurwa mu Muryango w'Abaskuti mu Rwanda kubera ubwitange n'umurava bagaragaje mu gutuma izi nyigisho zitunganya.

Ubu rero dushobora gukora ubuskuti buri ku murongo uboneye kuko tubonye inyigisho zigezweho tugomba gushingiraho.

**Komiseri GAKUBA Fidèle,  
Umuyobozi Mukuru w'Abaskuti mu Rwanda**